REPUBULIKA Y'U RWA

Gatsibo, Kuwa 04/01/2017
Ref No Njy .116./07.05.03/09.

05 JAN 2017

INTARA Y'IBURASIRAZUBA
INAMA NJYANAMA Y'AKARERE KA GATSIBO

AKARERE KA GATSIBO

05 JAN 2017

gatsibodistrict@gatsibo.gov.rw

Madamu Guverineri w'Intara y'Iburasirazuba

**Rwamagana.**

**Impamvu:** Kubagezaho imyanzuro y'inama isanzwe y'Inama Njyanama y'Akarere ka Gatsibo yateranye kuwa 30/12/2016.

Madamu Guverineri,

Nejejwe no kubandikira ngira ngo mbagezeho, ku mugereka w'iyi baruwa imyanzuro y'inama isanzwe y'Inama Njyanama y'Akarere ka Gatsibo yateranye kuwa Gatanu tariki ya 30/12/2016.

Mugire amahoro.

**RUKEMANGANIZI Cyprien**

Umuyobozi w'Inama Njyanama y'Akarere ka **Gatsibo.**

05 JAN 2017

GATSIBO DISTRICT
Reception
Date : 6/01/2017
Signature : ....................

**Bimenyeshejwe:**

- Nyakubahwa Minisitiri w'Ubutegetsi bw'Igihugu
  **KIGALI.**
- Bwana Umuyobozi w'Akarere ka **Gatsibo.**

**IMYANZURO Y'INAMA ISANZWE Y'INAMA NJYANAMA Y'AKARERE KA GATSIBO YATERANYE KUWA GATANU TARIKI YA 30/12/2016**

Inama isanzwe y'Inama Njyanama y'Akarere ka Gatsibo yateraniye ku cyicaro cy'Akarere kuwa gatanu tariki ya 30/12/2016, iyobowe n'Umuyobozi wayo Bwana RUKEMANGANIZI Cyprien ;

Inama yitabiriwe n'Abajyanama 23 kuri 29 bayigize, yatangiye imirimo yayo saa tatu n'iminota makumyabiri n'itanu (09H25).

Abajyanama bamaze gutanga ibitekerezo bemeje ingingo zikurikira ku murongo w'ibyigwa:

1. Kugezwaho ibibazo Abajyanama batumwe n'Abaturage;
2. Kwemeza inyandikomvugo z'Inama Njyanama;
   a) Inama isanzwe yo kuwa 08/10/2016
   b) Inama idasanzwe yo kuwa 4/11/2016
3. Gusuzuma raporo z'Amakomisiyo n'Inama y'Abaperezida;
4. Kugezwaho ishyirwa mu bikorwa ry'imyanzuro y'Inama Njyanama kuva tariki ya 19/03/2016 kugeza tariki ya 4/11/2016;
5. Gusuzuma amabaruwa yandikiwe Inama Njyanama
6. Gusuzuma icyifuzo cyo gufunga konti z'Akarere zitagikoreshwa;
7. Gusubira ku myanzuro y'Inama Njyanama :
   a) Umwanzuro N° 3.2 w'inama isanzwe yateranye kuwa 08/10/2016 urebana no kugura ibikoresho byo mu biro (Laptop......)

   b) Umwanzuro N° 8 w'inama isanzwe yateranye kuwa 08/10/2016 urebana na transport facilitation y'Abajyanama bagize Biro y'Inama Njyanama

8.AOB (Divers)

Ikibazo cy'irimbi mu mujyi wa Kabarore.

**1. KUGEZWAHO IBIBAZO ABAJYANAMA BATUMWE N'ABATURAGE**

Inama Njyanama imaze kwakira ibibazo Abajyanama (Mushimiyimana Astérie, Ufitenyina Philothée, Kamondo Gaëtan, Bakinga Déo, Bizimana Léonidas, Kabera Canisius, Bahati Bonny, Mukamwiza Elevanie, Manishimwe Gilbert na Rukemanganizi Cyprien), batumwe n'abaturage yemeje ko ibisubizo bizatangwa mu nama itaha.

**2. KWEMEZA INYANDIKOMVUGO Z'INAMA NJYANAMA;**

Hamaze gukorwa ubugororangingo, Inama Njyanama mu bwumvikane busesuye yemeje inyandikomvugo z'inama zayo zikurikira:

a) Inama isanzwe yo kuwa 08/10/2016
b) Inama idasanzwe yo kuwa 4/11/2016.

**3. GUSUZUMA RAPORO Z'AMAKOMISIYO N'INAMA Y'ABAPEREZIDA;**

Inama Njyanama ishingiye ku byifuzo by'imyanzuro byatanzwe n'inama z'Abaperezida na raporo z'Amakomisiyo ahoraho na Komisiyo idasanzwe yafashe imyanzuro ku buryo bukurikira:

**3.1** Inama Njyanama yasabye Urwego rw'Inama y'Igihugu y'Abagore (CNF) mu Karere na Komite Nyobozi, gukora ibishoboka byose bakabona amakuru ku mitungo yose iri mu Karere yitwa iya CNF (identification) kugira ngo izashobore gusubiza ubusabe bw'Umunyamabanga Nshingwabikorwa wa CNF ku rwego rw'Igihugu, burebana no kwegurira iyo mitungo CNF ndetse no kwishyura ubukode bw'igihe Akarere kamaze gakoresha amazu yayo hashingiwe ku mwanzuro N° 8.1 w'Inama Njyanama y'Akarere yateranye tariki ya 20/21 Mutarama 2012;

**3.2** Inama Njyanama yasabye Komite Nyobozi ko ibikorwa by'indashyikirwa bikorerwa ku rwego rw'Umurenge bikwiye kwitabirwa n'abaturage bose, kandi nko ku nyubako hagakoreshwa ibikoresho biramba;

**3.3** Inama Njyanama yemeje ko Bwana MUHIZI Anastase, wari umwakirizi w'imisoro n'amahoro mu Murenge wa Kageyo, wahagaritswe by'agateganyo ku kazi akaza kugasubizwaho, yishyurwa imishahara ye nkuko biteganywa n'igika cya 1 n'icya 2 by'ingingo ya 23 y'Iteka rya Perezida N° 65/01 ryo kuwa 04/03/2014;

**3.4** Inama Njyanama yasabye Komite Nyobozi gutegura no gukorera amahugurwa abagize Inama Njyanama z'Imirenge, gutangira igihe inyandikomvugo z'inama ziteganywa n'amategeko, kubasaba gukora gahunda y'inama kandi bakayubahiriza;

**3.5** Inama Njyanama yasabye Komite Nyobozi, kunononsora urutonde rw'abasora ruhari kandi gahunda yatangiye yo gusobanurira abaturage ibirebana n'imisoro n'amahoro byinjizwa n'Akarere igakomeza;

**3.6** Inama Njyanama yemeje ko igihe Umujyanama yitabiriye ubutumire mu gikorwa cy'Akarere, azajya ahabwa facilitation ingana n'iyo ahabwa iyo yaje mu nama isanzwe y'Inama Njyanama nkuko bigenwa n'iteka rya Minisitiri;

**3.7** Inama Njyanama yemeje ko Bwana KABANZA Epimaque utuye mu Mudugudu wa Kabarore Akagari ka Kabarore I Umurenge wa Kabarore, atahabwa ingurane yasabaga ku nzu ye avuga ko yangijwe n'ikorwa ry'umuhanda, kandi isaba Komite Nyobozi ko mu gihe cyo kumuha icyangombwa cy'ubutaka, hazubahirizwa imbago z'umuhanda;

**3.8.1** Inama Njyanama ikurikije ibibazo bimaze kugaragara hirya no hino mu Mirenge yasabye Komite Nyobozi gukora (database) urutonde rw'imitungo y'Akarere (ubutaka n'amashyamba);

**3.8.2** Inama Njyanama yasabye Komite Nyobozi yuko izashyira imbago ku mitungo yose izaba yagaragajwe;

**3.8.3** Inama Njyanama yasabye kandi Komite Nyobozi, gukurikirana no guha ibihano abagaragaraho ikibazo cyo gukoresha imitungo y'Akarere ku buryo butubahirije amategeko.

**4. KUGEZWAHO ISHYIRWA MU BIKORWA RY'IMYANZURO Y'INAMA NJYANAMA KUVA TARIKI YA 19/03/2016 KUGEZA TARIKI YA 4/11/2016;**

Umuyobozi w'Akarere ka Gatsibo Umujyanama GASANA Richard, amaze kugaragariza Inama Njyanama ko mu myanzuro mirongo ine n'itatu (43) yafashwe n'Inama Njyanama, mirongo itatu n'ibiri (32) yashyizwe mu bikorwa 100%,itandatu (6) ikaba iri mu nzira naho itanu (5) ikaba igifite imbogamizi mu gihe kandi ingengo y'imari iteganya amafaranga y'u Rwanda miliyoni cumi n'icyenda ibihumbi ijana na mirongo itatu na bitanu na magana atandatu mirongo itandatu n'atandatu (19,135,666 Frw) ihari ikangana na miliyoni cumi n'eshatu ibihumbi magana abiri mirongo ine na bine na magana ane mirongo itanu n'arindwi (13,244,457 Frw) n'ikinyuranyo cya miliyoni eshanu ibihumbi magana inani mirongo cyenda na kimwe na magana abiri n'icyenda (5,891,209 Frw);

Inama Njyanama yakiriye raporo neza kandi isanga imyanzuro yashyizwe mu bikorwa iri ku kigereranyo gishimishije, maze isaba Komite Nyobozi ko isigaye yazakorerwa gahunda y'uburyo izakurikirana mu ishyirwa mu bikorwa hitabwa ku gihe umwanzuro wafashwe umaze n'uburemere bw'ikibazo cyanzuweho.

**5. GUSUZUMA AMABARUWA YANDIKIWE INAMA NJYANAMA**

**5.1** Inama Njyanama imaze kugezwaho ibikubiye mu ibaruwa N° OMB/3.03/2513/12.16/GCM yo kuwa 10/12/2016 ikakirwa tariki ya 27/12/2016, Umuvunyi Mukuru yandikiye Umuyobozi w'Inama Njyanama amusaba kongera gusuzuma ikibazo kijyanye n'ubutaka bwa NDAYAMBAJE Aloys, bwahawe BITWAYIKI André ho ingurane ku bwe bwabatswemo Umudugudu wa Rwagitima, yemeje ibi bikurikira:

**5.1.1** Gushyiraho Komisiyo idasanzwe ishinzwe gucukumbura imiterere nyayo y'ikibazo ikazageza raporo ku Nama Njyanama bitarenze tariki ya 15/01/2017;

**5.1.2** Inama Njyanama yemeje ko Komisiyo idasanzwe igizwe n'Abajyanama bakurikira:

1. MANISHIMWE Gilbert : Perezida
2. MANZI Théogène,
3. KAPITENI Athar Eleazar
4. MUSHIMIYIMANA Astérie
5. MUKAMWIZA Elevanie

**5.1.3** Inama Njyanama yemeje ko mu bwumvikane bwa abagize Komisiyo idasanzwe bazitoramo umwanditsi wayo.

**5.2** Inama Njyanama imaze kugezwaho ibikubiye mu ibaruwa N° 2047 /07.05.03/01/M yo kuwa 29/12/2016, Umuyobozi w'Akarere yandikiye Umuyobozi w'Inama Njyanama, asaba ko Inama Njyanama yakwemeza ko Akarere kava muri sure Investiment;

Inama Njyanama ishingiye ku mwanzuro w'inama yahuje Guverineri w'Intara, Akarere ka Gatsibo, Sure Association na RDI tariki ya 19 Ugushyingo 2016, yemeje ko Akarere ka Gatsibo kava muri Sure Investiment maze Sure Association na RDI bakagasubiza umugabane gafite ungana n'amafaranga y'u Rwanda miliyoni ijana n'esheshatu ibihumbi magana inani mirongo itandatu na bitandatu na magana atatu mirongo itatu n'atatu (106,866,333 Frw).

**6. GUSUZUMA ICYIFUZO CYO GUFUNGA KONTI Z'AKARERE ZITAGIKORESHWA;**

Inama Njyanama yasuzumye ibaruwa N° 1586/07.05.03/02/01 yo kuwa 5/10/2016, Umuyobozi w'Akarere yandikiye Umuyobozi w'Inama Njyanama amusaba ko Inama Njyanama yakwemeza ifungwa rya konti z'Akarere zitagikoreshwa zigakurwa muri IFMS;

Nyuma yo kumva ibisobanuro byatanzwe n'Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Akarere, Inama Njyanama yemeje ko Komite Nyobozi izegera Minisiteri y'imari n'igenamigambi, Umugenzuzi Mukuru w'Imari ya Leta na Banki Nkuru y'u Rwanda kugira ngo babafashe mu rwego rwo gushobora kugera kuri izo konti bakamenya historique zazo mbere yuko Inama Njyanama ifata icyemezo cyo kuzifunga.

**7. GUSUBIRA KU MYANZURO Y'INAMA NJYANAMA :**

**7.1** Inama Njyanama yagarutse ku mwanzuro N° 3.2 w'inama isanzwe yateranye kuwa 08/10/2016 urebana no kugura ibikoresho byo mu biro (laptops nshya 8 ziri kumwe na modems, flash na Hard disq) yongera kuwemeza nkuko wari wafashwe;

**7.2** Inama Njyanama yongeye gusuzuma umwanzuro No 8 w'inama isanzwe yateranye kuwa 08/10/2016 urebana na transport facilitation y'Abajyanama bagize Biro y'Inama Njyanama, yongera kwemeza ko hakurikijwe urwego bariho, buri wese azajya agenerwa transport facilitation isimbura fue bahabwaga ku buryo bukurikira:

- Umuyobozi w'Inama Njyanama azajya ahabwa amafaranga ibihumbi mirongo ine (40,000 Frw);

- Umuyobozi wungirije w'Inama Njyanama azajya ahabwa amafaranga ibihumbi mirongo itatu (30,000 Frw

- Umunyamabanga w'Inama Njyanama azajya ahabwa amafaranga ibihumbi makumyabiri (20,000 Frw):

**8.AOB (Divers)**

Inama Njyanama yize ku kibazo cy'irimbi mu mujyi wa Kabarore ryuzuye neza, maze imaze kuecyungurana ho ibitekerezo Komite Nyobozi yemera ko mu buryo bwihuse, igiye kuba ishatse aho abantu bashyingurwa ariko bakazabanza kumvikana n'abazakenera ingurane ku buryo zizateganywa mu ngengo y'imari y'umwaka utaha.

Inama Njyanama yasabye Komite Nyobozi gutangira kwiga no kunoza ikibazo cy'amarimbi kiri hirya no hino mu Mirenge igize Akarere no kwiga uburyo yacungwa neza ku buryo burambye.

| | |
|---|---|
| **Umwanditsi w'inama** | **Umuyobozi w'inama** |
| ................ | ................ |
| **YANKURIJE Marie Goretti** | **RUKEMANGANIZI Cyprien** |
| **Umunyamabanga w'Inama Njyanama** | **Umuyobozi w'Inama Njyanama** |

URUTONDE RW'ABAJYANAMA BITABIRIYE INAMA ISANZWE Y'INAMA NJYANAMA Y'AKARERE KA GATSIBO KUWA GATANU TARIKI YA 30/12/2016

| N° | AMAZINA | UMURENGE | ISAHA | UMUKONO |
|---|---|---|---|---|
| 1 | BAHATI Bonny | KIRAMURUZI | [illegible] | |
| 2 | BAKINGA Deo | KABARORE | 08:57 | |
| 3 | BIZIMANA Léonidas | KAGEYO | [illegible] | |
| 4 | GASANA Richard | KIRAMURUZI | 9h3' | |
| 5 | GATETE Sylver | NGARAMA | Afite | impamvu |
| 6 | KABERA Canisius | RUGARAMA | 9hoo | |
| 7 | KAMONDO Gaëtan | MUHURA | [illegible] | |
| 8 | KANTENGWA Mary | RWIMBOGO | 9h0' | |
| 9 | KAPITENI Athar Eleazar | KIZIGURO | 9h00 | |
| 10 | MANISHIMWE Gilbert | GITOKI | 8:45' | |
| 11 | MANZI Theogene | NYAGIHANGA | 9h02' | |
| 12 | MARIDADI Protais | KIRAMURUZI | Yasibye | |
| 13 | MBABAZI Oliver | KABARORE | 8:50 | |
| 14 | MUGIRASE M. Amabilis | KIRAMURUZI | Afite | impamvu |
| 15 | MUKAKIMENYI Leoncie | MUHURA | 8h50 | |
| 16 | MUKAMANA Schovia | RWIMBOGO | Afite | impamvu |
| 17 | MUKAMWIZA ELvanie | KIRAMURUZI | 8h30' | |
| 18 | MUKANTAGARA Angelique | MURAMBI | Arafunze | |
| 19 | MUREKATETE Fortunee | KAGEYO | [illegible] | |
| 20 | MUSHIMIYIMANA Asterie | GATSIBO | 8h40' | |

| | | | | |
|---|---|---|---|---|
| 21 | MUTABUZA Benon | KABARORE | 8h40 | |
| 22 | NDAGIJIMANA Eric | RUGARAMA | [illegible] | |
| 23 | NDAHAYO Pascal | REMERA | afite impamvu | |
| 24 | RUKEMANGANIZI Cyprien | GASANGE | 7h45 | |
| 25 | RUTAYISIRE K. Wilson | RWIMBOGO | 8h30' | |
| 26 | SEKANYANGE Jean Léonard | MURAMBI | 9h30 | |
| 27 | UFITENYINA Philotée | NYAGIHANGA | 8h10 | |
| 28 | UWERA Espérance | REMERA | 9h40 | |
| 29 | YANKURIJE Marie Goretti | NGARAMA | 7h25' | |